

AKARERE KA HUYE

“INDATIRWABAHIZI MAGAZINE” - UKWEZI KWA KANAMA 2026

NYAMUKURU

Umuganura wizihirijwe hibandwa ku gusigasira umuco n’iterambere.

Umuganura wizihirijwe mu midugudu yose igize Akarere ka Huye, abaturage baturage hamwe mu gusangira umusaruro no kwishimira ibyagezweho, banasangira ibitekerezo ku byakorwa kugira ngo iterambere rikomeze kwihuta.

>>> Soma birambuye kuri Paji 3

Abagore biyemeje kugira uruhare mu kwihutisha iterambere rirambye ry’umuryango

Hateranye Inteko Rusange y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku rwego rw’Akarere ka Huye, ku nsanganyamatsiko igira iti: “Uruhare rw’umugore mu kwihutisha iterambere rirambye ry’umuryango.” Muri iyi nteko, ...

>>> Soma birambuye kuri Paji ya 9

Abana bizihije Umuganura banasozaga hunda ya “Intore mu Biruhuko”

Ku nzu ndangamurage y’amateka y’Abanyarwanda (Ethnographic Museum) mu murenge wa Ngoma habereye igikorwa cy’Umuganura n’Abana, cyahuje abana n’abayobozi mu rwego rwo gusigasira umuco Nyarwanda wo gusangira no gushimira ibyiza byagezweho.

>>> Soma birambuye kuri Paji ya 13

Inama y’ubuhinzi yagarutse ku myiteguro y’igihembwe cy’ihinga 2027A

>>> Soma birambuye kuri paji ya 15



Mu gihe urwego rwa Kawa rukomeje kugira uruhare mu guteza imbere ubuhinzi n'imibereho y'abahinzi, mu Murenge wa Maraba, Akarere ka Huye, hatangijwe igikorwa cyo gusazura ibiti bya Kawa bishaje no kubisimbuza ingemwe nshya zahombetswe, mu rwego rwo kuvugurura imirima no gutegura umusaruro mwinshi kandi w'ireme mu bihe biri imbere.



Hatangijwe igikorwa cyo gusazura ibiti bya Kawa bishaje bikazasimbuzwa ingemwe nshya zahombetswe.

Iki gikorwa cyabaye kuwa 6 Kanama 2026, gikorwa ku bufatanye bw'Akarere n'umushinga PSAC, aho abahinzi n'abafatanyabikorwa batangiye igikorwa cyo gusazura ibiti bya Kawa bishaje no gutegura imirima izaterwamo ingemwe nshya.

Maraba izwi nk'ahantu hakorerwa ubuhinzi bwa Kawa, kandi kuvugurura imirima ni imwe mu nzira zo gutuma iki gihingwa gikomeza kugira uruhare mu iterambere ry'abahinzi n'ubukungu bw'Akarere ka Huye.



Umushinga PSAC uri gufasha abahinzi gusazura Kawa no gutera ingemwe nshya.

Umuganura wizihirijwe mu midugudu yose igize Akarere ka Huye, abaturage baturage hamwe mu gusangira umusaruro no kwishimira ibyagezweho, banasangira ibitekerezo ku byakorwa kugira ngo iterambere rikomeze kwihuta.



Hamuritswe umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi

Ku rwego rw'Akarere, Umuganura wizihirijwe kuwa 07 Kanama 2026 mu Murenge wa Karama, Akagari ka Kibingo, aho igikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange wari Umushyitsi Mukuru, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze Iterambere ry'Ubukungu, abahagarariye inzego z'umutekano, abayobozi mu nzego z'ibanze ndetse n'abaturage.



Inararibonye zatanze ikiganiro ku muganura

Mu butumwa bwatanze, Ubuyobozi bw'Akarere bwashimangiye ko Umuganura ari umwanya wo gushimira umusaruro w'ibyagezweho, gusangira no gukomeza ubumwe n'ubufatanye mu iterambere ry'imiryango n'aho batuye. Abaturage bashishikarijwe gukomeza gukora no kugira uruhare muri gahunda ziteza imbere imibereho n'ubukungu by'ingo zabo.



Habaye inama ya 'District Coffee Task Force', yitabiriwe n'abahagarariye inganda zitunganya Kawa zikorera mu Karere ka Huye, uhagarariye NAEB/PSAC mu Karere ndetse n'Abashinzwe Ubuhinzi ku rwego rw'Imirenge (Sector Agronomists).



Hafashwe ingamba zo gukomeza kwita kuri Kawa

Iyi nama yabaye kuwa 11 Kanama 2026 iyoborwa n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze iterambere ry'Ubukungu Kamana Andre. Inama yari igamije kurebera hamwe uko urwego rwa Kawa ruhagaze mu Karere, gusangira amakuru ku bikorwa biri gukorwa no kuganira ku ngamba zo kurushaho guteza imbere umusaruro n'ireme rya Kawa, kuva ku buhinzi kugeza ku gutunganya umusaruro.

Abitabiriye inama baganiriye ku ruhare rwa buri mufatanyabikorwa mu guteza imbere urwego rwa Kawa, ndetse no ku kamaro ko gukomeza ubufatanye hagati y'abahinzi, inzego z'ubuyobozi, NAEB/PSAC n'inganda zitunganya Kawa.

Inama yasojwe hashimangirwa ko ubufatanye n'imikoraniye hagati y'abagize Coffee Task Force ari ingenzi mu gukomeza kuvugurura urwego rwa Kawa, kongera umusaruro w'aborozi bayo no kuzamura ireme rya Kawa ikorerwa mu Karere ka Huye.



Inama yanitabiriwe n'abahagarariye inganda zitunganya kawa



Mu Murenge wa Kinazi, Akarere ka Huye, hizihirijwe Umunsi Mpuzamahanga w'Urubyiruko, ku nsanganyamatsiko igira iti: “Kubaka ubushobozi bw'urubyiruko hagamijwe kubyaza umusaruro amahirwe ahari.” Ibirori byitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Huye hamwe n'urubyiruko n'abandi bafatanyabikorwa.



Urubyiruko rwahawe imipira yo gukina izarufasha kwidagadura.

Muri iki gikorwa cyabaye kuwa 12 Kanama 2026, hibanzwe ku kamaro ko kubaka ubushobozi bw'urubyiruko, guteza imbere ubumenyi n'imyuga, kwihangira imirimo no gukoresha amahirwe ahari mu rwego rwo kwiteza imbere no kugira uruhare mu iterambere ry'igihugu.

Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yashishikariye urubyiruko gukomeza guteza imbere ubumenyi n'impano bafite, kwitabira amahirwe ahari no gufata iya mbere mu bikorwa bibateza imbere ndetse n'ibiteza imbere imiryango n'aho batuye.

Uyu munsi wabaye umwanya wo guhuriza hamwe urubyiruko n'abafatanyabikorwa, hagamijwe kurebera hamwe uburyo urubyiruko rwakomeza kugira uruhare rugaragara mu iterambere ry'Akarere ka Huye n'igihugu muri rusange.



Hatanze ubutumwa binyuze mu bihangano by'ikinamico n'imbyino



Umuyobozi w'Akarere ka Huye yakiriye abitabiriye inama yateguwe na Ambasade y'Igihugu cy'Ubugande mu Rwanda (Uganda High Commission in Rwanda), igamije guhuriza hamwe Abanya-Uganda baba mu Rwanda, by'umwihariko abatuye mu Ntara y'Amajyepfo, kugira ngo baganire ku bufatanye mu bucuruzi n'iterambere ry'ubukungu.



Umuyobozi w'Akarere yakiriye abitabiriye inama ihuza abanya Uganda baba mu Rwanda

Iyi nama yabereye mu Karere ka Huye kuwa 15 Kanama 2026 ku nsanganyamatsiko igira iti: “Promoting Diaspora Trade and Economic Dialogue”, igamije guteza imbere ibiganiro ku bucuruzi, ishoramari n'andi mahirwe y'ubukungu ahuza Abanya-Uganda baba mu Rwanda n'abafatanyabikorwa.

Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yashimiye 'Uganda High Commission' kuba yarahisemo Huye nk'ahantu ho gukorera iki gikorwa, ashimangira akamaro ko guteza imbere imikoranye mu by'ubucuruzi n'ishoramari, ndetse no gukomeza umubano hagati y'abatuye b'ibihugu byombi.

Iki gikorwa cyabaye umwanya wo gusangira amakuru ku mahirwe y'ubucuruzi n'ishoramari, kungurana ibitekerezo no gushishikariza abitabiriye gukomeza gukoresha amahirwe ahari mu guteza imbere ibikorwa byabo n'ubufatanye mu bukungu.



Inama yitabiriwe n'abanya Uganda batuye mu Ntara y'Amajyepfo



Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze Imibereho Myiza y'Abaturage Kankesha Annonciatha yasuye imyubakire y'amashuri iri gusanwa mu Mirenge ya Kinazi, Ruhashya, Simbi na Mbazi, mu rwego rwo gukurikirana aho imirimo yo gusana no kuvugurura ibyumba by'amashuri igeze.



Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze imibereho myiza yasuye imirimo y'iyubakwa ry'amashuri

Uru ruzinduko rwo kuwa 18 Kanama 2026 rwibanze ku kureba aho imirimo igeze, ireme ry'ibikorwa ndetse n'imikoreshereze y'ibikoresho, hagamijwe ko ibikorwa byo gusana amashuri birangira ku gihe kandi bikoze ku rwego rukwiye.

Mu gihe cyo gusura ibi bikorwa, Umuyobozi w'Akarere wungirije Kankesha Annonciatha yaganiriye n'ababashinze n'abakora imirimo, atanga umurongo ku bijyanye no gukomeza gukurikiza ibisabwa mu myubakire no kwihutisha ibikorwa aho bikenewe.

Ubuyobozi bw'Akarere bwashimangiye ko gukomeza kuvugurura ibikorwa remezo by'amashuri ari ingenzi mu kunoza imyigire n'imyigishirize no guteza imbere ireme ry'uburezi, bityo abanyeshuri bakiga ahantu hatekanye kandi habereye kwigira.



Hatanze inama zo kwihutisha imirimo



Strive Foundation Rwanda (SFR) yatangije amahugurwa ku bijyanye no gusobanukirwa no gucunga neza imari ku bagore barenga 170 bibumbiye mu makoperative ashyigikiwe n'uyu muryango mu Karere ka Huye. Amahugurwa agamije kubongerera ubumenyi mu micungire y'imari, guteza imbere imibereho y'ingo no kongera ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo by'ubukungu.



Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze imibereho myiza yatanze impanuro zo gukomeza kwihutisha iterambere ryabo

Muri iki gikorwa cyabaye kuwa 19 Kanama 2026, hibanze ku kamaro ko kuzigama, gukoresha neza umutungo w'urugo no gushora imari mu bikorwa bibyara inyungu, hagamiye guteza imbere umutekano w'imiryango, imibereho myiza y'abana no kubaka ingo zishobora kwihanganira ibibazo by'ubukungu.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze Imibereho Myiza y'Abaturage Kankesha Annonciatha yashimiye abagore uruhare bagaragaza mu guteza imbere ingo zabo, abasaba gukoresha ubumenyi bahabwa mu gushyira mu bikorwa gahunda zo kwizigamira, gucunga neza imari no gushora imari mu bikorwa bibyara inyungu.

Amahugurwa ya SFR ni kimwe mu bikorwa bigamije kongera ubushobozi bw'abagore mu by'ubukungu, kugira ngo barusheho kugira uruhare mu iterambere ry'ingo zabo.



Abagore biyemeje guteza imbere ingo zabo



Hateranye Inteko Rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Akarere ka Huye, ku nsanganyamatsiko igira iti: "Uruhare rw'umugore mu kwihutisha iterambere rirambye ry'umuryango." Muri iyi nteko, abagore baganiriye ku ruhare rwabo mu kubaka umuryango utekanye kandi utekereza ku iterambere, hibandwa kandi ku kurwanya ibiyobyabwenge n'ibindi binyobwa bitujuje ubuziranenge.



Abagore biyemeje kugira uruhare mu kwihutisha iterambere rirambye ry'umuryango

Muri iyi nteko rusange yateranye kuwa 20 Kanama 2026, habaye isinywa ry'imihigo y'umwaka wa 2026–2027, aho abagize Inama y'Igihugu y'Abagore biyemeje gukomeza kugira uruhare mu bikorwa biteza imbere imibereho myiza n'ubukungu by'imiryango n'iterambere ry'Akarere.

Umuyobozi w'Akarere Sebutege Ange yashimye uruhare rw'abagore mu iterambere, abasaba gukomeza gushyira imbaraga mu kubaka imiryango itekanye, gukumira no gukemura amakimbirane, guharanira ko abana bose bajya ku ishuri, kurwanya inda ziterwa abangavu no gukumira ikoreshya ry'ibiyobyabwenge mu rubyiruko. Yasabye kandi abagore gukomeza kwibumbira mu matsinda yo kubitsa no kugurizanya no guteza imbere ibikorwa bibyara inyungu.



Habaye isinywa ry'imihigo y'umwaka wa 2026–2027



Ku bufatanye na Profemwe Twese Hamwe, mu Karere ka Huye habaye ibiganiro bya politiki (District Policy Dialogue) byahuje abafatanyabikorwa batandukanye kugira ngo baganire ku mbogamizi zituma urubyiruko rukora ubuhinzi bw'urusenda, imiteja, inyanya n'ubworozi bw'inkoko rutabasha kugira uruhare rusesuye mu buhinzi bw'ubucuruzi (agribusiness).



Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze iterambere ry'ubukungu

Ibi biganiro byabaye kuwa 25 Kanama 2026 byafunguwe ku mugaragaro n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze iterambere ry'ubukungu Kamana Andre byibanda cyane ku bibazo by'uburyo urubyiruko rubona imari y'ubuhinzi n'ubwishingizi bw'ibihingwa n'ubworozi, ndetse n'uburyo izi serivisi zarushaho kubageraho.

Abitabiriye ibiganiro bunguranye ibitekerezo ku mbogamizi zihari, maze abafatanyabikorwa biyemeza ingamba zifatika zo kuzishakira ibisubizo no kongera amahirwe y'urubyiruko, cyane cyane abakobwa n'abagore, yo kwinjira mu buhinzi bw'ubucuruzi, kububazamo inyungu no kwihangira imirimo.

Ibi biganiro byagaragaje ko gukomeza gufatanya hagati y'inzego za Leta, abafatanyabikorwa n'urubyiruko ari ingenzi mu guteza imbere ubuhinzi bw'ubucuruzi, kongera imirimo no guha urubyiruko amahirwe yo kwiteza imbere binyuze mu buhinzi.



Ibiganiro byitabiriye n'inzego zitandukanye



Mu Murenge wa Tumba hasojwe amahugurwa y'ibyumweru 12 ku rugendo rw'impinduka, yateguwe na RWAMREC binyuze muri gahunda ya KATAZA, ku bufatanye n'Akarere ka Huye. Aya mahugurwa yari agamije kongerera ubushobozi ba rwiyemezamirimo b'abagore n'abo bashakanye, hibandwa ku kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango.



Ba rwiyemezamirimo b'abagore n'abo bashakanye basoje amahugurwa ya KATAZA

Muri aya mahugurwa yabaye kuwa 26 Kanama 2026, abitabiriye bungutse ubumenyi ku ruhago rw'uburinganire n'ubwuzuzanye, uruhare rw'abashakanye mu gufata ibyemezo ndetse no gushyigikira umugore mu bikorwa by'iterambere. Hanashimangiwe ko ubufatanye mu muryango ari ingenzi mu guteza imbere ibikorwa by'ubucuruzi no kuzamura imibereho y'ingo.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze Imibereho Myiza y'Abaturage Kankesha Annonciatha yitabiriye umuhango wo gusoza aya mahugurwa, ashima RWAMREC n'abitabiriye gahunda ya KATAZA, anashishikariza abagore n'abo bashakanye gushyira mu bikorwa ubumenyi bungutse, bakomeza gufatanya no gushyigikirana mu bikorwa bibateza imbere.

Gahunda ya KATAZA ni imwe mu bikorwa bigamije guteza imbere imiryango ishingiyeye ku buringanire n'ubwuzuzanye, kugira ngo abagore n'abagabo barusheho kugira uruhare rungana mu iterambere ry'ingo zabo n'umuryango mugari.



Vice Mayor Social yashimye KATAZA ihugura imiryango ku iterambere



Umuyobozi w'Akarere ka Huye yasoje ingando za siporo (Sports Camps) zari zimaze igihe zitorezamo urubyiruko imikino itandukanye mu gihe cy'ibiruhuko, muri gahunda igamije gufasha urubyiruko gukoresha neza igihe cy'ibiruhuko no guteza imbere impano n'ubushobozi bwabo mu mikino.



Hasojwe ingando za siporo z'urubyiruko

Iyi gahunda yasojwe kuwa 28 Kanama 2026 yahaye urubyiruko umwanya wo kwitoza imikino itandukanye, guteza imbere impano no gukomeza kugira imibereho myiza binyuze muri siporo, ndetse ibafasha gukoresha neza igihe cy'ibiruhuko mu bikorwa byubaka.

Mu gusoza iyi gahunda, Umuyobozi w'Akarere yashimye urubyiruko rwitabiriye Sports Camps n'abafatanyabikorwa bagize uruhare mu kuyishyira mu bikorwa, abasaba gukomeza gukoresha impano zabo mu buryo bubafitiye akamaro kandi bakarangwa n'imyitwarire myiza.

Sports Camps ni imwe muri gahunda zateguwe mu Karere ka Huye mu gihe cy'ibiruhuko, mu rwego rwo kwita ku rubyiruko, guteza imbere siporo n'impano, no kubafasha gukoresha neza igihe cyabo.



Umuyobozi w'Akarere yasoje ingando za siporo z'urubyiruko



Ku nzu ndangamurage y’amateka y’Abanyarwanda mu Karere ka Huye habereye igikorwa cy’Umuganura w’Abana, cyahuje abana n’abayobozi mu rwego rwo gusigasira umuco Nyarwanda wo gusangira no gushimira ibyiza byagezweho. Umuyobozi w’Akarere ka Huye ni we wari Umushyitsi Mukuru muri iki gikorwa.



Hizihijwe umuganura n’abana

Iki gikorwa cyabayekuwa 28 Kanama 2026 cyabaye n’umwanya wo gusoza ku rwego rw’Akarere gahunda yo kwita ku rubyiruko mu biruhuko, “Intore mu Biruhuko,” yari igamije gufasha abana n’urubyiruko gukoresha neza igihe cy’ibiruhuko binyuze mu bikorwa by’umuco, uburere, siporo n’ibindi bikorwa bibafitiye akamaro.

Mu butumwa bwatanzwe, Umuyobozi w’Akarere yashishikariye abana gukomeza kurangwa n’umuco mwiza, ubupfura, ubufatanye no gukunda igihugu, bakagira uruhare mu gusigasira indangagaciro Nyarwanda no gukoresha neza ubumenyi n’impano bafite.

Umuganura w’Abana wanabaye umwanya wo kugaragaza ibyiza byagezweho muri gahunda ya “Intore mu Biruhuko”, ndetse no gushishikariza abana gukomeza gushyira mu bikorwa ubumenyi n’indangagaciro bungukiye muri iyi gahunda, haba mu miryango, ku mashuri no mu muryango mugari.



Umuyobozi w’Akarere yasoje ingando za siporo z’urubyiruko



Umuganda rusange usoza ukwezi kwa Kanama 2026 wakorewe mu midugudu yose igize Akarere ka Huye, hakurikijwe ibikorwa byari byateganyijwe. Ku rwego rw'Akarere, Umuganda wabereye mu Murenge wa Kinazi, Akagari ka Sazange, Umudugudu wa Giseke, aho abaturage n'abayobozi bafatanyije gucukura imirwanyasuri ku musozi wa Giseke.



Umuyobozi w'Akarere yitabiriye umuganda usoza ukwezi

Umuganda wabaye kuwa 29 Kanama 2026 witabiriwe n'abayobozi batandukanye barimo Umuyobozi w'Akarere ka Huye, abahagarariye inzego z'umutekano, abahagarariye Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) ishami rya Huye, ndetse n'abaturage bo mu byiciro bitandukanye. Abitabiriye Umuganda bagaragaje uruhare rwabo mu kurengera ubutaka no gukumira isuri, nk'imwe mu ngamba zo kubungabunga umutungo kamere no guteza imbere ubuhinzi burambye.



Umuganda wibanze ku bikorwa byo kurwanya isuri

Nyuma y'Umuganda, abaturage bahawe ubutumwa kuri gahunda zitandukanye za Leta, hagamijwe kubongerera ubumenyi no kubashishikariza kuzitabira no kuzishyira mu bikorwa. Hanabaye umwanya wo kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage, aho abari bafite ibibazo bagejeje ku bayobozi ibibazo bibareba.

Umuganda usoza ukwezi wanasize ubutumwa bwo gukomeza gukorera hamwe, kubungabunga ubutaka no kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere, mu rwego rwo guteza imbere imibereho y'abaturage n'Akarere ka Huye muri rusange.



Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze Iterambere ry'Ubukungu, KAMANA André, yayoboye inama y'ubuhinzi igamije kurebera hamwe imyiteguro y'igihembwe cy'ihinga 2027A no kunoza imikorere y'abafatanyabikorwa mu rwego rw'ubuhinzi.



Umuyobozi w'Akarere yitabiriye umuganda ushinzwe

Muri iyi nama yabereye mu murenge wa Ngoma kuwa 31 Kanama 2026 yitabiriwe n'abahagarariye ibyiciro bitandukanye bifite aho bihuriye n'ubuhinzi, hanaganirwe ku bwishingizi bw'ibihingwa, cyane cyane umuceri, ibigori n'ibishyimbo, hagamijwe kongera ubwitabire bw'abahinzi muri iyi gahunda no kubafasha kwirinda igihombo gishobora guterwa n'imihindagurikire y'ikirere n'izindi ngaruka zishobora kwibasira umusaruro.

Abitabiriye inama bunguranye ibitekerezo ku myiteguro y'igihembwe cy'ihinga, harimo gutegura neza ubutaka, gukoresha imbuto n'inyongeramusaruro byemewe no gukomeza gukangurira abahinzi kwitabira serivisi z'ubwishingizi bw'ibihingwa.

Inama yasojwe hasabwa inzego n'abafatanyabikorwa gukomeza ubufatanye mu gutegura igihembwe cy'ihinga 2027A, kugira ngo ibikorwa by'ubuhinzi bikorwe ku gihe kandi bigire uruhare mu kongera umusaruro no kuzamura imibereho y'abahinzi.



Inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinze Iterambere ry'Ubukungu, KAMANA André



IMBUGA ZACU:

✉ info@huye.gov.rw

🌐 www.huye.gov.rw

✕📷📘 HuyeDistrict

☎ 4056

● BP 35 Butare

Byanditswe & Bitunganywa na :

BONEZIMANA Emmanuel

+250788679624

Public Relations & Communication